No 258
Gashyantare
2025

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RY'IMITWE YA POLITIKI RYAGANIRIYE KU BIBAZO BY'UMUTEKANO MUCYE MU BURASIRAZUBA BWA REPUBULIKA YA DEMOKARASI YA KONGO N'INGAMBA ZAFASHWE N'U RWANDA MU KURINDA UMUTEKANO WARWO.



Tariki ya 25 Gashyantare 2025, ku cyicaro cy'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, habereye inama idasanzwe yahuje abayobozi b'Imitwe ya Politiki n' Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutwererane bw'Akarere muri MINAFFET, Gen. (Rtd) KABAREBE James, baganira ku bibazo by'umutekano mucye mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Kongo (DRC), n'ingamba zafashwe n'u Rwanda mu kurinda ubusugire bwarwo.



Minisitiri Kabarebe James yabwiye abagize Inama Rusange y'Ihuriro ko ibibazo by'umutekano mucye urangwa mu Gihugu cy'igituranyi cya DRC bifite imizi mu mateka y'ubukoloni. Yasobanuye ko kuva mu kinyejana cya 16, amatsinda y'Abanyarwanda yimukiye mu Turere twa Kivu y'Amajyarugu na Kivu y'Amajyepfo, bashaka aho kororera inka. Abanyarwanda bari muri DRC bahuye n'ibibazo, kuko benshi babonwaga nk'abanyamahanga, bahura n'ivangura mu bya politiki n'imibereho myiza rusange, ibibazo by'ubwenegihugu n'uburenganzira ku butaka. Uku kudashyirwa mu buzima bw'Igihugu kwateye umwuka w'amakimbirane akomeje kugaragara mu Karere.

Yagaragaje uburyo Ubuyobozi bw'Igihugu (Zaire) nabwo bwashyizeho politiki zivangura abenegihugu bacyo, nko kwambura ubwenegihugu igice cy'abaturage bavugaga Ikinyarwanda, kubita abanyamahanga, kubirukana mu gihugu; abibasirwaga cyane bari Abanyamulenge n'Abatutsi.

Yasobanuye ko kuba Interahamwe zasize zikoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda zarashyizwe mu nkambi hafi y'umupaka w'u Rwanda, ndetse Leta ya DRC ntigire icyo ikora ku Mitwe y'iterabwoba ikorera muri DRC no kuba inzego z'umutekano zitaratanze uburinzi ku banyekongo bavuga ikinyarwanda, byatumye habaho Imitwe yitwara gisikare yo kwirwanaho, nk'umutwe wa CNDP n'uwa M23. Leta ya Kongo ntiyigeze igira ubushake bwo kuganira na M23 ngo ikemure ibibazo byabo.

### *Gahunda zo kugarura amahoro mu Karere*

Ku birebana na Gahunda zo kugarura amahoro mu Karere, Minisitiri Kabarebe James yagaragaje ko n'ubwo hagiye haba ubushake bw'ibihugu, kugira ngo amahoro agaruke mu Karere, Leta ya DRC ntiyigeze igira ubushake bw'uko amahoro yagaruka mu burasirazuba bw'icyo Gihugu. Nko mu mwaka wa 2022, Gahunda ya Nairobi, yari iyobowe na EAC, yari igamije gukemura ibibazo by'Abanyekongo ndetse n'ubwiyongere bw'ubugizi bwa nabi mu burasirazuba bwa DRC, ariko Perezida Tchisekedi yafashe umwanzuro wo gukura M23 mu biganiro ashyira uwo Mutwe mu cyiciro cy'imitwe y'iterabwoba. Mu mwaka wa 2023, ingabo z'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EACRF) zirukanywe na Perezida Tshisekedi, azisimbuza umutwe wa SAMIDRC wahawe manda yo kugaba ibitero.

Mu mwaka wa 2024, Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) watangije indi Gahunda yitwa Luanda Process, igamije gusubiza mu buryo umubano wa dipolomasi hagati ya DRC n'u Rwanda, wahungabanyijwe bikomeye n'isubukurwa ry'imirwano ya M23. Kuva muri Werurwe kugeza mu Ukuboza 2024 habaye inama indwi (7) z'abaminisitiri, ariko nazo nta mwanzuro uhamye wagezweho ku kibazo cya M23.

### *Imvugo zibiba urwango no kuvogera ubusugire bw'u Rwanda*

Minisitiri Kabarebe James yagaragaje ko mu mwaka wa 2022, Perezida Tshisekedi yashishikarije urubyiruko gukuraho ubutegetsi bw'u Rwanda, atangaza kandi ko afite gahunda yo gutera ibisasu i Kigali atoherejeyo ingabo. Izi mvugo kandi zashyigikiwe na Perezida w'u Burundi, Ndayishimiye Evariste, aho muri Mutarama 2024, yatangaje ko Abanyarwanda bagomba kwibohora ku bayobozi babi, ko kandi urubyiruko rw'u Rwanda rutagomba kwemera kuba imfungwa mu Karere. Perezida Ndayishimiye yahise yohereza mu Burasirazuba bwa DRC, ingabo 10,000 zirimo imitwe y'abasirikare b'Imbonerakure.

Ubutegetsi bwa DRC bwakomeje gushyigikira no guha intwaro FDLR, hagamijwe kurwanya M23 no kugaba ibitero ku Rwanda. Akaba ari muri urwo rwego, mu bihe bitandukanye, FDLR yateye i Nyabimata mu Karere ka Nyaruguru, itera mu Kinigi mu Karere ka Musanze, i Nyamagabe, ndetse n'ibisasu byo ku itariki ya 26 Mutarama 2025, byarashwe ku butaka bw'u Rwanda, mu Mujyi wa Rubavu, bigahitana abantu 16 binakomeretsa abandi 177.

### *Gushaka inzira z'ibisubizo by'umutekano mucye mu burasirazuba bwa DRC*

Mu kugerageza gushaka ibisubizo by'ibibazo by'umutekano mucye uri mu burasirazuba bwa DRC, Minisitiri Kabarebe James, yagaragaje uburyo, waba umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ndetse n'Umuryango w'Iterambere w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SADC), bagaragaje ubushake bw'uko hakwiye kuboneka umuti w'ibibazo biciye mu nzira z'ibiganiro bihuza Ubuyobozi bwa DRC n'umutwe wa M23, ariko Leta ya DRC ntiyemera kwicarana na M23.

### *Ku birebana n'ingamba z'u Rwanda zo ku bungabunga umutekano warwo*

Minisitiri Kabarebe yasobanuye ko ingamba u Rwanda rwafashe (Defensive measures) ari uz'ubwirinzi ku busugire bw'Igihugu n'umutekano w'Abanyarwanda kugira ngo umwanzi adakomeza kurasa mu Rwanda no kwica abaturage. Yashimangiye ko u Rwanda nta munsi n'umwe rwigeze rufata umugambi wo gutera DRC.



Minisitiri Kabarebe yashoje ikiganiro, agaragaza ko ibibazo by'umutekano mu cye uri mu burasirazuba bwa DRC bifite imizi mu mateka y'ubukoloni kuko bwigishije urwango n'amacakubiri. Ibyo bibazo biterwa kandi n'Ubuyobozi bubi bwa DRC butubaka Inzego zikorera abaturage bose, ntibugire inzego z'umutekano zirinda abaturage b'Igihugu, ahubwo ugasanga hariyambazwa abacanshuro n'imitwe yitwaje intwaro. Ikindi ni uruhare rw'umuryango mpuzamahanga kuko ushyigikira ku mugaragaro Leta ya DCR mu rugamba irimo na M23, uwo muryango kandi ushyigikira FDLR aho utanga intwaro n'amafaranga.

Minisitiri Kabarebe yasabye Imitwe ya Politiki igize Ihuriro guharanira kwigira kugira ngo tutazahora duteze amashyi abanyamahanga. Yashishikarije Abanayrwanda bose kunga ubumwe no gusobanukirwa ibibazo u Rwanda ruhanganye nabyo, kugira ngo dukomeze gufatanya guharanira ubusugire bw'u Rwanda. Yashimangiye ko **nta muntu ugomba gusaba uburenganzira bwo kuvugira no kurengera Igihugu cye mu gihe kibasiwe n'abashaka guhungabanya umutekano wacyo no gukuraho Ubuyobozi bwitorewe n'abaturage**.

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

# ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI KU KIBAZO CY'UMUTEKANO MUKE WO MU BURASIRAZUBA BWA REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO

Nyuma y'ibibazo by'umutekano muke muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo n'ibikorwa by'ubushotoranyi bikomeje kwibasira u Rwanda, bikorwa n'Ubuyobozi bw'icyo gihugu.

Nyuma y'uko hagaragaye ubufatanye butaziguye hagati y'ingabo za Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo n'umutwe w'iterabwoba wa FDRL, uhabwa inkunga y'intwaro, imyitozo ya gisirikare n'amafaranga mu guhungabanya umutekano w'u Rwanda no kugambirira gukuraho ubuyobozi bw'u Rwanda;

Nyuma y'ibitero byinshi no guhungabanya ubusugire bw'u Rwanda byakozwe n'ingabo za FARDC, umutwe wa FDLR n'indi mitwe, harimo n'ibitero biherutse kwica abantu 16, abandi 177 bagakomereka i Rubavu, mu Ntara y'Uburengerazuba.

Nyuma y'imvugo zikoreshwa na Leta ya Kongo cyane cyane Perezida Felix Tshisekedi hamwe n'abandi bayobozi mu nzego nkuru za Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo, zigamije kwanduza isura y'u Rwanda no gushishikariza ibihugu n'imiryango mpuzamahanga gufatira u Rwanda ibihano byo mu rwego rw'ubukungu no kuri bamwe mu bayobozi barwo.

Nyuma y'uko Leta ya Kongo inaniwe gukemura ikibazo cy'abaturage bayo bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda ishinja kuba atari abenegihugu bayo, ahubwo igakomeza kwitwaza u Rwanda mu bibazo byayo bwite aho kwita ku bibazo nyakuri by'abo baturage.

**Imitwe ya Politiki igize ihuriro ariyo FPR Inkotanyi, PL, UDPR, PDI, PSD,PPC, PDC, PSR, PSP, PS Imberakuri, na DGPR- Green Party yafashe imyanzuro ikurikira:**

1. Ishyigikiye Nyakubahwa Kagame Paul, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda ku cyerekezo afitiye u Rwanda harimo no guharanira amahoro arambye mu karere.

2. yamaganye ku mugaragaro umugambi mubisha wa Perezida Felix Tshisekedi afatanyije n'umutwe w'iterabwoba wa FDRL, Ingabo z'u Burundi, ingabo za SADC, abacanshuro b'abazungu n'umutwe wa Wazalendo; mu guhungabanya umutekano w'u Rwanda no gukuraho ubuyobozi bwarwo bwashyizweho n'abaturage.
3. irasaba Perezida Felix Tshisekedi guhagarika ubufatanye bwose n'umutwe w'iterabwoba wa FDRL ugizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994; ndetse ukaba umutwe wubakiye ku ngengabitekerezo ya jenoside.
4. irahamagarira Leta ya Kongo gushaka umuti urambye wo gukemuraumuzi w'ibibazo nyakuri by'umutekano muke binyuze mu nzira y'ibiganiro aho gushyira imbere inzira ya gisirikare.
5. Imitwe ya Politiki igize Ihuriro ishyigikiye ingamba z'ubwirinzi zashyizweho na Leta y'u Rwanda zo kurinda ubusugire bw'Igihugu no kubungabunga umutekano w'Abanyarwanda, kandi iboneyeho gushimira Ingabo z'Igihugu uburyo zibumbatiye umutekano w'u Rwanda.
6. ishyigikiye ibyemezo byafatiwe mu nama ihuriweho n'Umuryango wa Afurika y'Uburasirazuba n'Umuryango w'Iterambere w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (EAC-SADC) yabereye i Dar Es Salaam kuwa 8 Gashyantare 2025, nk'inzira iganisha ku mahoro arambye mu karere.
7. Imitwe ya Politiki igize Ihuriro yamaganye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga bikomeje kugaragaza imyitwarire ya ba mpatsibihugu mu gushishikariza amahanga gufatira ibihano u Rwanda n'Abayobozi barwo, kuko atari cyo gisubizo ku mutekano muke uranga akarere k'Uburasirazuba bwa Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, bidakemura ikibazo mu mizi yacyo, kandi bikaba bidindiza inzira y'ibiganiro byemejwe n'abakuru b'ibihugu by'Afurika.
8. Imitwe ya Politiki igize ihuriro irashishikariza Abanyarwanda bose gukomeza kunga ubumwe no guharanira kwigira kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

Bikorewe i Kigali, kuwa 25 Gashyantare 2025

**NKUBANA Alphonse**
Umuvugizi



Address: B.P.7459 Kigali /Rwanda; E-mail: info@forumfp.org.rw; Twitter: @NFPO_Rwanda; Website:www.forumfp.org.rw